



Japan International
Cooperation Agency
(JICA)

RWANDA ECOPD NEWS

August 2011, Vol.3



Rwanda Demobilization and
Reintegration Commission
(RDRDC)

Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of Ex-Combatants and Other People with Disabilities

Umushinga wo gutanga ubumennyi n'ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze ari abasirikare n'abandi bafite ubumuga kwihangira imirimo

Friendly Environment for ALL !

Ahantu Hakira Bose !

**- Start on reconstruct for barrier-free facilities-
Gutangira kuvana mu nyubako inzitizi zibangamira
abafite ubumuga**



The trainees enjoy and do their best to participate in the skills training because they get the chance of changing their life. They have the disabilities for a variety of cause such as nature, traffic accident, genocide and so on. They faced a lot of barrier in their life. For example, it is difficult for wheelchair users to participate in skills training if a type of toilet in skills training center is squat style and there are a lot of high step in center. If we provide barrier-free facilities, more people could participate in skills training. If many people could participate, their quality of life could develop and lastly, that is a way to develop Rwanda.

The ECOPD Project try to change the environment for the social participation of people with disabilities.

Abanyeshuri bakunda kandi baza kwiga imyuga kuko bibaha amahirwe yo guhindura imibereho yabo. Bafite ubumuga batewe n'impamvu zitandukanye nko kuba barabuvukanye, impanuka, jenocide n'izindi. Bahura n'inzitizi zitandukanye mu buzima bwabo. Urugero : Biragoye k'umuntu ugendera mu igare ry'abafite ubumuga kwigira ahantu hari umusarani basutamaho n'ingazi ndende. Nituvanaho izo nzitizi, abantu benshi bazitabira ayo mahugurwa. Abantu benshi nibayitabira, bazatera imbere bityo n'u Rwanda ruzatere imbere.

Umushinga ECOPD ugerageza guhindura ahantu abafite ubumuga bigira kugira ngo nabo babashe kubaho nk'abandi .

Can you guess? The right photo's toilet is clean but a wheelchair user can't use this toilet. Why can't he/she use? The clue is the door.

Ushobora gufundura ? Ifoto iri uburyo irerekana ko uyu musarani ufite isuku ariko umuntu ugendera mu igare ry'abafite ubumuga ntashobora kuwukoresha. Kuki adashobora kuwukoresha ? Ikibazo ni urugi.



Answer... Igisubizo...



Because of the inward opening door. Wheelchair users can not close the door like right photo.

Bitewe n'urugi rukingurirwa imbere. Umuntu ugendera mu igare ry'abafite ubumuga ntashobora gufunga urugi rumeze nk'uri kuri iyi foto iri iburyo.



It is difficult for non-wheelchair users to become aware of such kind of problem. It is very important to understand need of "Users" like PWDs and involve them in the activities to promote barrier-free facilities.

Biraruhije ku muntu utagendera mu igare ry'abafite ubumuga kumva uko ikibazo giteye. Bifite akamaro cyane kumva ibibazo bya ba "Nyarubwite" nk'abantu bafite ubumuga no kubafasha gukora imirimo havanwaho inzitizi zibabangamira.

Destination to Barrier-free

Kuvanaho inzitizi zibangamira abafite



Prof. KAWAUCHI guide on barrier-free facility.

The ECOPD Project reconstructs skills training centers to make them into barrier-free facilities to participate in skills training for PWDs. For example, we provide accessible toilet and ramp for wheelchair and crutch users. Prof. KAWAUCHI, JICA short term expert, was dispatched to Rwanda from 8 to 23 August to give advice and guide on reconstruction for barrier-free facilities. Prof. KAWAUCHI gave strong impact through his advice as not only architect but wheelchair user also.

Umushinga ECOPD wubaka uhindura imyubakire bushya mu bigo byigisha imyuga hakavanwaho inzitizi ku bafite ubumuga kugira ngo babashe kwiga. Urugero : Twubaka imisarani n'inzira z'abagenda ku magare y'abafite ubumuga no ku mbago. Mwarimu KAWAUCHI, inzobere y'igihe gito muri JICA, yoherejwe mu Rwanda kuva tariki ya 8 kugeza ku ya 23 Kanama 2011 kugira ngo atange inama kandi ayobore imirimo y'ubwo bwubatsi. Yagize akamaro kanini bitewe n'inama ze, atari nk'umwubatsi w'inzobere gusa, ariko kandi nk'umuntu ugendera mu igare ry'abafite ubumuga.

Prof. KAWAUCHI also lectured on “how to make it accessible” for students of KIST, public officers and NGO staff. After the lecture, one attendance of lecture interviewed a disabled student about school facility to know needs of disabled user.



**Open lecture at KIST
Inama yabereye muri KIST**



Check the government buildings

The attendances of lecture checked the facility of the lecture's venue. The role of PWDs is very important to know what part is difficult for PWDs. After the lecture, some attendances including PWDs checked the government buildings to improve them.

Destination to barrier-free is long and has a time. But, we have already taken the first step like the above-mentioned activities.

The ECOPD Project aims at “Friendly Environment for All” step by step.

Mwarimu KAWAUCHI yatanze ikiganiro kitwa “ Korohereza abantu bafite ubumuga”, cyitabiriwe n'abanyeshuri biga muri Ishuri Rikuru ry'Ikoranabuhanga, abakozi ba Leta n'ab'imiryango itegamiye kuri Leta. Nyuma y'icyo kiganiro, umwe mu bacyitabiriye yabajije umunyeshuri ufite ubumuga ku bikenewe muri iryo shuri byafasha mu korohereza abantu bafite ubumuga.

Abitabiriye icyo kiganiro bagenzuye niba aho inama yabereye horohereza abantu bafite ubumuga. Uruhare rw'abantu bafite ubumuga ni ngombwa cyane kugira ngo ibibazo byabo bimenyekane. Nyuma y'icyo kiganiro, bamwe mu bacyitabiriye bagenzuye inyubako za Leta kugira ngo zizanozwe.

Kuvanaho inzitizi zibangamiye abafite ubumuga ni inzira ndende isaba n'igihe. Ariko rero, twateye intambwe ya mbere nkuko ibyakozwe haruguru bibyerekanaga.

Umushinga ECOPD ugamiye gutuma habaho “Ahantu habereye abantu bose” bikazagerwaho buhoro buhoro

VOICE of Volunteers IJWI ry'abakorerabushake **- Message from JOCV - - Ubutumwa bwa JOCV -**

Vol. 2: Mr. Hironori SATO, Architecture class at ETO KIBUNGO.

Vol. 2: Bwana Hironori SATO, yigisha mu Bwubatsi muri ETO KIBUNGO.

I am SATO, who is teaching at architecture class, ETO KIBUNGO. I am teaching plan/drawing mainly. I participated in the lecture of Prof. KAWAUCHI to understand about the situation of barrier-free facilities in Rwanda. I was impressed by the audience attitude of student at KIST. They listened to the lecture seriously though perhaps unrelated to barrier-free and plan for PWDs in their life.

I hope that they change their country to friendly and accessible country for all.

Nitwa SATO, nigisha ubwubatsi muri ETO KIBUNGO. Nigisha cyane cyane gukora ibishushanyo by'ubwubatsi. Nakurikiranye ikiganiro cyatanzwe na Mwarimu KAWAUCHI kugira ngo menye ibijyanye no kuvanaho inzitizi zibangamira abafite ubumuga mu Rwanda. Natangajwe n'imyitwarire myiza y'abanyeshuri bo muri KIST. Bakurikiranye neza ikiganiro atari uko ikigamijwe ari ukuvanaho inzitizi gusa, ahubwo bagamije no guteganyiriza abafite ubumuga mu buzima bwabo.

Ndizera ko bazahindura igihugu cyabo kigatanga amahirwe angana kuri bose.

Japan Overseas Cooperation Volunteers (JOCV) are doing community based activities to develop them. Umuryango w'Ubufatanye w'abakorerabushake b'abayapani ukora ibikorwa biteza imbere abatwaga.



MURAHU ! NITWA JICA



My name is JICA. The baby (left photo) is me, a girl who was born in July. My mother named me JICA. Thanks to JICA, my mother is participating in the cooking course from April. Before I was birthed, she had the difficulty in getting some income. Now, she has a dream that she start in business of cake shop. She is participating in the cooking course seriously to realize her dream. She is happy because she got a lot of friends. My mother named me JICA because she thanks JICA for JICA support. I love my name, JICA !

Nitwa JICA. Umwana (uri ku ifoto y'ibumoso) ni njye, umukobwa wavutse mu kwezi kwa Karindwi. Mama yanyise JICA. Kubera JICA, Mama wanjye ari kwiga guteka guhera mu kwezi kwa kane. Mbere y'uko mvuka, yari afite ibibazo byo kubona amafaranga. Ubu, aratekereza kuzacuruza imigati. Ariga cyane ibijyanye no guteka kugirango azabashe gushyira mu bikorwa igitekerezo cye. Arishimye kubera ko afite inshuti nyinshi. Mama yanyise JICA kubera ko ashimira JICA bitewe n'inkunga yamuhaye.